



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA KANAMA 2021

10 Nzeri 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2021

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byagabanutseho 0,6% mu kwezi gushize kwa Kanama 2021 ugereranyije na Kanama 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -0,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,6% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 11,7%.

Iyo ugereranyije Kanama 2021 na Kanama 2020, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 0,4%.

Wagereranya ukwezi kwa munani (Kanama 2021) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021), ibiciro byazamutseho 0,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 0,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 1,3%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kanama 2021, ibiciro mu byaro byagabanutseho 2,8% ugereranyije na Kanama 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -1,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 2,8% mu kwezi kwa Kanama ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 21,5%.

Ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2021) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,5%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kanama 2021 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 1,8% ugereranyije na Kanama 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) ryari ku kigereranyo kingana na -1,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,8% mu kwezi kwa Kanama 2021 ni ibiciro by'ibiribwa n'binyobwa bidasembuye byagabanutseho 5,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 14,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa munani (Kanama 2021) n'ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2021) ibiciro byazamutseho 0,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 1%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2020 kugeza muri Kanama 2021.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2020 kugeza muri Kanama 2021 <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2020					2021							
	08	09	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	8,8	8,9	7,2	4,2	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4	-0,1	-0,2	-0,4	-0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	12,4	12,2	10,9	4,7	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0	0,7	0,3	-1,7	-2,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	10,9	10,8	9,3	4,5	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7	0,4	0,1	-1,1	-1,8
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,5	1,0	-0,9	-1,0	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2	-0,5	-0,2	0,0	0,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	1,7	2,0	0,6	-0,7	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6	-2,5	0,2	-0,4	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	1,2	1,6	0,0	-0,8	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9	-1,6	0,0	-0,3	0,5

Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw